*They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.*
Benjamin FRANKLIN

# IJAMBO

N° 53 Fax : (250) 7 6574 Tél 7 2695 B.P. 2154 KIGALI Cpte BCR 25 222/02 Avecom

70 Fr

HANGIMANA Fr. Xavier Rédacteur en Chef Tél : 7 4886

"Give me liberty,
or give me death"
Patrick HENRY



*Aho kunigwa n'ijambo uzanigwe n'uwo uribwiye*

## GITERA atumaho ko bagomba gukubita abatutsi, bakabatwikira bakanabamenesha

## The German Constitution and the Free Speech

Jeder hat das Recht, Seine Meinung in Wort, Schrift und Bild frei zu äussern und zu verbeiten und sich aus allgemein zugäglichen Quellen un-

## Abagome nka HABYARIMANA ho mu Budage babayeho




## Bite se mu Budage ?

## The Population Bomb

ni abakomunisiti babigambiriye. Abadepite b'abananguzi baba bemeje ko babonye (wa musore witirirwa gutwika) **Van der LUBBE** ari kumwe na **Ernest TORGLER** Perezida w'abadepite b'abakomunisiti, wanasohotse bwa nyuma mu ngoro iryo joro ubwo hari saa mbiri n'iminota 30. HABYARIMANA (HITLER) aba arahasesekaye ari kumwe na **GOEBBELS** wari urimo amwakira iwe ku meza.

Nta muntu wigeze usobanura ku buryo bwumvikana ukuntu kuri gahunda y'abo bategetsi bakuru (HITLER na GOEBBELS) yari itsindagiyemo ukwiyamamaza mu matora ubwo bakoreshaga mitingi ubutaretsa, ijoro ryo ku wa 27 Gashyantare ntacyo ryari rigenewe.

**HITLER** aterure: **"Yaa ! Ni intangiriro y'ukwidugambya kw'abakomunisiti. Ni ukubafatana amakare. Iri joro murare mufashe abadepite babo"** ! Minisitiri w'Intebe HITLER ahita akoranya bamwe y'abaminisitiri ako kanya: batatu gusa nibo bari abananguzi nkawe. Nyamara bose bamwemereye gutangira itsembatsemba.

Hagati y'igicuku (saa saba) no mu nkoko za mbere (saa kumi z'ijoro) abaporisi n'abananguzi babungirije-- bagera ku bihumbi miringo itatu-- batoragura ibyitso mu buriri bigera ku 1200 mu murwa mukuru wa Berlin, n'ibindi byitso bigeze ku 4.200 mu gihugu cyose. Ibyo byitso byarimo abakomunisiti, abasosiyari-demokarate, n'abariberari.

Abadepite benshi barabohwa kandi itegeko ryarabuzaga ko intumwa ya rubanda ibohwa. Umunyamateka w'umunyamerika **William L. SHIRER aratugezaho impumeko (--niba hari uwahumekaga--) y'ayo masaha mu gitabo Le troisième Reich:**

**"Ni bwo bwa mbere abadage barigatishwaga ubugi bw'iterabwoba ry'abananguzi, batamitswe n'ubutegetsi bwa Leta. Abasirikari bo ku ruhembe rw'imbere binjiranaga amakamyo mu mihanda hose mu Budage, abananguzi bakiroha mu nzu batoragura ibyitso, bakabikoraniriza mu bigo SA aho inkoni n'urw'abashinyaguro byari bibategereje.**



*Reichstag*, ingoro y'intumwa za rubanda na n'ubu iracyariho.

## Umunyarumogi Minisitiri Goering niwe watwitse *Reichstag*.

Mu gitondo ku ya 28 Gashyantare, hasigaye iminsi itanu ngo amatora abe, ibinyamakuru bitangaza ya nkongi, bishyira ahagaragara itangazo ry'ubutegetsi: inyandiko zafashwe ku biro by'ubuyobozi bw'ishyaka ry'abakomunisiti zikaba zerekana ko **gukongeza ingoro ari ikimenyetso cyararikiwe gukoma imbarutso yo gusubiranishamo abaturage. I Berlin, ibyo gusahura byagombaga gutangira saa kumi z'ijoro.** Nyamara izo ngirwa nyandiko ntizigeze zishyirwa ahagaragara; na n'ubu zarabuze. N'ikarita ivugwa na **GOERING**, ngo yemeza ko **Van der LUBBE** yari umuyoboke w'ishyaka rya gikomunisiti ntiyigeze yerekanwa.

Uko bimeze kose ikinamico ryateguwe na **GOEBBELS** riganisha ku byo tumaze kuvuga. Dufatire ku rugero rw'iyi nyandiko yamanitswe mu gihe cyo kwiyamamariza amatora: **"Ingoro y'intumwa irakongotse; itwitswe n'abakomunisiti. Nimurebe uko igihugu cyacu cyasa ubutegetsi buramutse bufashwe n'abakomunisiti n'inshuti zabo z'abasosiyari-demokarate, niyo babumarana amezi macye. Abaturage bacisha mu kuri bahita babohwa, naho ibigega by'abahinzi bigatwikwa".**

Ku ya 28 Gashyantare **HITIMANA** (niko abanyarwanda bamwitaga) ajya kwa **HINDENBURG** (Perezida w'igihugu) amushyiriye itegeko rihagarika **"uburenganzira bw'abantu, rivanaho bwa burenganzira bwo kutavogerwa mu rugo no mu mabarwa, rihanagura uburenganzira bwo kugaragaza igitekerezo, kurema inama, kwishyira hamwe no kugira umutungo wigengaho.** Ashyiraho n'igihano cyo kwicwa ku muntu uzaba yatwitse inzu z'ubutegetsi abizi neza kandi abishaka. Agasaza Perezida (kari gafite imyaka 84), nubwo kari kararahiye ko kazarengera itegekonshinga, karemera gasinya ayo mategeko yombi, nonehoigitugu cy'abananguzi kiba gihawe intebe n'itegeko.

Ku ya 5 Werurwe, ishyaka ry'abananguzi ribona amajwi 44% mu matora, riba ishyaka rya mbere ry'Ubudage. Nubwo batoreye ku iterabwoba, abenshi banze gutora **HITLER**; ariko ntacyo byabamariye. Itegeko rimugenera ububasha bwose, nk'uko ryatowe ku ya 23 Werurwe, ryahambye Repubulika yari yarapfuye cyera.

Indi nkuru y'inkongi y'ingoro ivugwa uku. **HITLER** na **GOERING** batinye guhita bica **Van der LUBBE** na wa mudepite w'umukomunisiti **TORGLER**. Uyu TORGLER yari yishyize mu maboko y'ubutegetsi bucyeye bw'inkongi. Ariko se byari biba-

mariye iki gutwika inzu bagahisha umwotsi, igihe amahanga yari azi ko ari abananguzi bica amategeko? Ni bwo havuze ko abafashwe bazaburanishwa. Ku ya 9 Werurwe hafatwa abakomunisiti baturuka muri "Bulgarie" aribo **Gueorgui Dimitrov, Vassil Tanev** na **Blagoi Popov**. Abo babiri ba nyuma bari bakiva i Moscou (mu Burusiya). **Dimitrov**, wari warahunze Bulgarie, nyuma y'aho abakomunisiti bidugumbije bikabapfubana mu 1923, yari mu Budage guhera muw'1929. Umunyamateka **Gilbert BADIA** aragira ati: **"I Berlin ntawe uyobewe ko uwo mugabo ari umuyoboke w'impuzamahanga y'abakomunisiti, ariko nta mupolisi cyangwa umucamanza wigeze umenya ko uwo mugabo ayobora ibiro y'iyo mpuzamahanga mu Burayi bw'uburengerazuba".**

Birasa nk'aho abo banya Bulgaria bahiswemo kugira ngo bigaragaze ko ari agaco k'impuzamahanga y'abakomunisiti gashaka gukora ishyano gaciye kuri **TORGLER** na **Van der LUBBE**. Barigaragaza ngo bashinjwe; n'amahanga arabiharukira. Uwari ubikazemo akitwa **Willi Münzenberg**.

**Münznberg** aragira ati: ba rutwitsi bageze mu ngoro y'abadepite baciye mu mwobo wayihuzaga n'ingoro ya Perezida **Goering** yabagamo. Umwanditsi aragera n'aho yemeza nta shiti ati: **Umunyarumogi** *Goering* **yatwitse ingoro y'abadepite.** Ndetse arerekana ko ushinjwa, **Van der LUBBE**, ari umufirawuni (homosexuel). Inama ishinzwe kugoboka abazira abananguzi, yayoborwaga na **Albert EINSTEIN**, nayo yakoresheje igisa n'urubanza mu Bwongereza, ihereye ku buhamya bwariho, maze ihanaguraho icyaha ba batanu bashinjwaga ku ya 20 Nzeri 1933, urubanza nyarwo ruraye ruri bube i Leipzig mu Budage.

Ku ya 21 Nzeri urubanza ruratangiye. Imfungwa zari zakomeje kuboherwa mu mapingu amezi n'amezi. **Van der LUBBE** yari yarataye umutwe, nk'umunywarumogi. **Tanev** yari yarashatse kwiyahura. **Dimitrow** we ahagaze bwuma.

Arireguye yerekana ko ibimushinjwa ari ibicurano. Ajombeyemo Minisitiri **Goering**. Icyaha gifashe Minisitiri **Goering**. **Goering** avuza induru. Abwira **Dimitrov** ati: **wa ngegera we, sinaje hano imbere y'ubucamanza ngo undege. Ufite ubwoba ko nidusohoka muri uru rukiko nkujatira.** Urubanza rwaranzwe n'ubuhamya bw'abatekinisiye, nk'uriya **GEMPP**, shefu w'abazimyamwoto, wahise unirukanwa agakurikiranwa n'abananguzi kugeza aho ibye birangiye mu makuba, nk'ayabaye ku bantu bashoboraga kugira icyo bahamya kuri ya nkongi.

## Icyemezo cy'urukiko ku ya 23 Ukuboza.

Ku ya 23 Ukuboza ba banya Bulgaria bahanagurwaho icyaha, ndetse na **Torgler**, ariko ntibwababuza gusubizwa mu munyururu. Amahanga yakomeje kwamagana u Budage; maze **Goering** agera aho apakiza ba banya-Bulgaria indege ibajyana i Moscow. **Dimitrov** yaje kuba shefu wa Bulgaria nkomunisiti mu 1944; nawe aba mubi nka **Goering**, amara abo batavugaga rumwe. **Torgler**, yakomeje kuba mu munyururu kugeza mu 1936.

Uwari wakatiwe urwo gupfa, **Van der LUBBE**, yacishijwe intorezo umutwe, amaze kurira ati: **Barambeshye... ukuri. Abandi, abandi.** Nyamara ntibyashobokaga ko akatirwa kuko itegeko abacamanza bifashishije ryari ryaragiyeho nyuma y'uko ikitwa icyaha gikorwa. Ni nayo mpamvu murumuna wa nyakwigendera yabyukije urubanza mu 1967, noneho mu 1980 mu bujurire urukiko rugahanaguraho icyaha uwaciwe umutwe cyera.

**Umwanzuro:** Nubwo Goering ahakana kuba yaratwitse ingoro y'abadepite, ntawe ushidikanya uwo iyo nkongi yari ifitiye akamaro. Ino se ntaho muzi HABYARIMANA ahotora yarangiza ati ni abandi! Amateka arasa; ahora yihindukiza. Abantu ni bamwe. Hari aho yacukuye urwobo akarurohamo KAYIBANDA n'abatutsi, yarangiza ati: KAYIBANDA yacukuye urwobo rwo kurohamo u Rwanda, ati: inkotanyi zacuze umugambi wo gusubiranishamo amoko kugira ngo zibone urwitwazo rw'igitero.

HANGIMANA Fr. Xavier

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.E.R.C.
B.P. 1899 Kigali
RWANDA

# Bitte sie !
# Bite se iyo mu Budage ?

U Budage, igihugu cya mbere kinini, gifite umurwa mukuru munini n'abaturage benshi mu Burayi bw'inkuke, ni nacyo gifite ibibazo. Muri macye tugiye kubaganirira iyo HANGIMANA Fr. Xavier avuye kwihugura mu ikoranabuhanga mu itangazamakuru.

Nkuko mwabisomye mu kinyamakuru IKINDI HANGINGIMA yari yoherejwe i Berlin muri **Internationales Institut für Journalistik** n'ishyirahamwe ry'abanditsi bakuru mu Rwanda, **PROPRESSE**, abereye umunyamabanga mukuru. Ni nawe wari wakoze dosiye, ku buryo n'abanyamakuru ba Leta bazaboneraho babikesha HANGIMANA igihe abatwarebo muri Minisiteri y'Itangazamakuru bituramiye. Rero HANGIMANA ni nawe ubaye umunyarwanda wa mbere mu kwihugururira muri **IIJB**, ikigo cyatangiye kwigisha mu 1963.

Aho kubarondorera amasomo anyuranye kuva kuri radiyo na televiziyo no kwandika umuntu yifashishije ibyuma byabugenewe, duhisemo kubibwirira u Budage n'abadage, ari na byo mwari mutegereje.

## Na ba mayibobo ubasangayo.

Iyo utambutse mu mujyi wa Berlin wumva ngo **tahe** (bandika **tag**) ari byo bivuga ngo muraho ! Ukumva **danke** (murakoze); **bitte Sie** (nawe nuko, urakoze). I Berlin, umurwa wa mbere mu Burayi bw'inkuke, mu bukire bw'abantu benshi, uhasanga na ba mayibobo bacuruza udusegereti aho abagenzi bategera amamodoka.

Abantu ni benshi ku buryo babuze aho babacishiriza imodoka zibatwara, noneho bazicukurira ikuzimu. Imihanda iri mu nda y'isi, ukayicamo utazi aho uri, ukabona upfupfunyutse mu mwobo uteruwe na **lift**. Izo modoka si za zindi z'ino; ni **metro, tram, train, ikintu gishobora kuva nko ku isangano ry'imihanda** i Kigali (Rond



*Nyuma y'amasomo twanyuzagamo tukaganira: aha umurundikazi Agnès NIYINDORERA (ushyigikiye inkotanyi) yatwawe ariyibagirwa.*

Point Central) kikagera ku isoko rya Nyarugenge.

Abadage ni abakozi; bafite umurava, barihuta, nta kuzarira. Barakize. U Budage n'u Buyapani na Leta zunze ubumwe z'Amerika ni byo bihugu bya mbere ku isi mu ikoranabuhanga. Uko gukura kw'abadage kwatumye abantu bahururirayo. U Budage bucumbikiye 80% by'abagenzi batagira ibyangombwa mu Burayi. Ubu u Budage burimo burashyiraho itegeko ryirukana abanyamahanga : abo ni abashatseyo ubuhungiro kubera ubukene akenshi, bakaba biganjemo abaturuka mu Burayi bw'uburasirazuba kuva aho habereyeho u Budage bumwe mu 1990 mu kwakira. U Budage rero ni buto ugereranije n'u Rwanda kuko butaramara n'imyaka itatu bubayeho. Naho u Rwanda rumaze imyaka irenga 30 ari Repubulika yigenga.

## Abayahudi baregwaga ibyo abatutsi bashinjwa

U Budage bwasubiranye ubumwe nyuma y'aho urukuta rwabucagamo kabiri ruhirikwa hasi na **REAGAN**. Kuva ku bwa Perezida **KENNEDY** abanyamerika bari bahangayikishijwe no kubohoza u Budage bwari mu gikoronize y'abarusiya.

Igice cy'u Budage gihera i Burengerazuba, cyo cyari mu maboko y'abanyamerika, y'abongereza n'ay'abafaransa; ariko bo nta gitugu bakoreshaga nk'abarusiya. Nubwo u Budage bwigenga, ubusangamo ingabo z'abarusiya n'abanyamerika bo bafite inkambi kuri **Clayallee** (Quartier Général Lucius CLAY).



*Uru ni rwa rukuta rwagabanyagamo kabiri abavandimwe b'abadage: abanyamerika barwambuye fondasiyo (KENNEDY) ubundi barukubita hasi (REAGAN). Abo bari imbere ni umugandekazi Florence NAMBI Jane i buryo (ushyigikiye inkotanyi byimazeyo) n'umunyatanzaniyakazi Grace Anna MWAIPUNGU; batambutsa... bigatinda.*

Ibyo bijya gutangira byabaye u Budage bumaze gutsindwa intambara ya kabiri y'isi yose, noneho abayitsinze basanga bagomba kugabanya u Budage mo ibice kugira ngo bubure intege zo kongera kubura imirwano. Iyo ntambara yahitanye abadage ubwabo babarirwa muri 5.000.000, abayahudi 6.000.000, abarusiya 20.000.000, n'icya gatanu cy'abaturage ba Pologne.

Iyo ntambara yari yashojwe n'umusazi witwa **HITLER Adolf**. Imizamukire y'uwo murwayi mu butegetsi imeze nk'iya HABYARIMANA. Uwo musirikari yari yararwanye intambara ya mbere y'isi yose, nuko aza kugirwa minisitiri w'intebe ku ya 30 mutarama 1933 na Perezida w'agasaza **HINDENBURG**.

**Hitler** amaze gufata ubutegetsi yashatse ibyaha agereka ku bo yitaga abanzi b'igihugu, kugira ngo abone uko afata ubutegetsi bwose. Icyo gitekerezo cy'ubutegetsi busesuye mu maboko y'umuntu umwe, **HITLER** yari yaracyanditse mu gitabo cye **Mein Kampf**, aho yasobanuraga ko igihugu gikeneye umutegetsi umwe w'igitugu, bita **führer**.

Icyaha yahimbiye abari bamubangamiye ni ukubabeshyera ko batwitse ingoro y'intumwa za rubanda, **Reichstag**; maze ibyitso aratoragura ararunda. Amaze kwigarurira byose na bose, yateguye intambara y'isi yo-



*Umunyamakuru agomba no kumenya gutangaza akoresheje radiyo (Studio IIJB)*

se, ahimba amayeri abeshyera ibyaha Pologne, arayitera arayigarurira. Nyuma y'aho afatira u Burayi busigaye burimo n'u Bufaransa, abeshya abongereza ngo ni abavandimwe kugira ngo batamurwanya, nyuma nabo abohereza ibisasu. U Budage bwari bufitanye n'u Burusiya amasezerano y'ubuvandimwe, maze amaze gusagukwa n'ibyo yari amaze kugeraho arabutera. Yari yiyibagije icyatsinze umufaransa **NAPOLEON** wari wateye u Burusiya mbere, abasirikari be bakamarwa n'imbeho. Na **HITLER** yatikirijeyo abasirikari 2.000.000.

Icyatumye atera ibyo bihugu, ni uko u Budage butari bwishimiye amasezerano bwategetswe gusinya igihe butsinzwe intambara ya mbere y'isi yose. Bwari bwambuwe intara bwakoronizaga, zirimo n'u rwanda. Noneho bwiga amayeri yo kuzigarurira bubanje gutegeka Ibihugu byo mu Burayi byari bizifite. Intambara bwayitsinze kuva mu 1939 kugeza mu 1943, businya ko butsinzwe ku ya 8 gicurasi 1945.

Intambara yaranzwe no gutoteza abayahudi. Baregwaga nk'ibyo abatutsi b'i Rwanda baregwa. Urwango rw'abayahudi si mu Budage rwari rwaratangiriye. Abayahudi bari bangitse mbere no mu Bufaransa. Si ukubatunda **HITLER** abagira uko abahutu b'i Burundi bishwe. Yumvaga mu mutima we arimo agirira isi neza. Aha ni na-

# Ibihe turimo

## I Ngarama

## Amagufa yajanjaguwe n'imbwa aragerekwa ku dufuni tw'inkotanyi

*Ku ya 26 werurwe twasuye Ngarama duhagarikiwe na wa mutwe w'abasirikari batagize aho babogamiye, GOMN, kandi tuyobowe na Burugumesitiri na bamwe mu baturage b'i Ngarama. Abo baturage ntibabaga aho twasuraga, kuko ubusanzwe baba mu nkambi, muri burende. Ikibazo cya mbere kikaba ari ukumenya uko abo baturage bahageze; niba bari bararitswe, babwiwe ibyo bari bubeshye abanyamakuru.*

*Mu gutangira ndahera ahanyuma; hari ahantu nageze hatateganijwe gusurwa maze umuturage ambwira ko inkotanyi zimaze kureku-ra abantu babiri mu bo zari zafashe. Umusirikari wo mu ngabo z'u Rwanda uba aho ambwira ko inkotanyi zaraye zirekuye abantu 30 mu bo zari zarafashe. Kuki zabarekuye ntizibice ?*

*Mbere abaturage bari batubwiye ko inkotanyi zitera, zaje zikabwira abaturage ngo bahunge, udahunze zikamwica. Abaturage batu-bwiye yuko amagufa twabonaga ari ay'abishwe n'inkotanyi bavuye mu nkambi zabo, basubiye mu masambu bahozemo kugira ngo babone icyo barya. Hari umurambo w'umuntu twasanze yarishwe aboheye amaboko inyuma; ariko wareba ku birenge ugasanga atarabora ngo ashwanyagurike, ku buryo wabonaga ko yishwe nyuma y'aho inkotanyi zisubiriye mu birindiro byazo; bikaba bigoye kwemeza ko yishwe n'inkotanyi niba inkotanyi zarubahirije amasezerano ya Daresalam.*

*Hari aho Burugumesitiri yatweretse ngo inkotanyi zashyize abantu mu nzu, ngo zibatwikisha gerenade. Ninjiye muri iyo nzu, numva umunuko; ariko nta gufa ryarimo kuko yari yarasohowe, agahambwa. Narebye mu gisenge cy'inzu nsanga nta bati ryavuyeho kandi akazu kari kagufi, mbona ko gerenade ari ikinyoma cya burugumesitiri. Ariko nanone amabati yari apfumaguye.*

*Hari umuserire watubwiye ko hari abo inkotanyi zarekuye, bakamubwira ko zabarariraga ngo ubuzima bwabo budahungabana. Hari umukobwa wanze guhunga ataye nyina wabuze intege, inkotanyi ziraza zibasanga aho; zarinze zisubira mu birindiro byazo zidahu-ngabanije ubuzima bwabo. Kuba abaturage baratwerekaga imisarani yahambwemo abantu 14, 30, ntacyo bivuze kuko ntawataburuye ngo ababare. Kuba hari abantu bicwa n'inkotanyi basubiye gushaka ibyo kurya, nta kosa ryabarwa ku nkotanyi kuko iyo umuntu agiye aho inkotanyi zafashe aba yiyahuye.*

*Emwe n'inkotanyi ntizahakana ko zica abantu nk'abo, kuko nta cyemeza ko baba atari abasirikari cyangwa abatumwe kuneka. Rero ikibazo si uko inkotanyi zaba zarishe abaturage, ahubwo igikenewe ni ukumenya uburyo zabishe. Ubwo buryo abaturage barabwivugi-ra : abapfuye bishwe basubira inyuma. Twagiye i Ngarama Radiyo Rwanda yaramaze kwemeza ko abaturage bishwe n'inkotanyi. Tugeze yo bamwe mu banyamakuru bakabona ibimenyetso byerekana ko abaturage bishwe hakoreshejwe udufuni, ariko simbone ibyo bimenyetso. Kuba inkotanyi zari zifite udufuni ntawe ubishidikanya, kuko zikoresha udufuni mu gucukura umusingi wo kwihishamo, nk'uwari aho i Ngarama. Ariko nta cyemeza ko utwo duhanga twariwe n'imbwa twajanjanguwe n'udufuni tw'inkotanyi.*

*Biriya byo kuvuga ko inkotanyi zishe abaturage byatangiwe na Perezida HABYARIMANA kugira ngo cbone icyaha agereka ku nkotanyi zamureze ko yamaze abatutsi. Inkotanyi nazo ubwazo zemera ko intambara ari mbi, ko yica inzirakarengane. Ikibazo ni ukume-nya icyatumye ziyemeza kumena amaraso. HABYARIMANA ati zabitewe n'inyota y'ubutegetsi. We utayifite niyegure turebe. Inkota-nyi zabura gute gushaka ubutegetsi igihe zibona abahutu bwabananiye, imyaka irenga 30 ? Mperutse kuganira n'umunyakazu ati : sha, nimureke abatutsi bategeke !*

*Gusa HABYARIMANA hari aho arengana. Uti, ugiye kuburanira shitani ? Iyicwa ry'abatutsi si cyo kimenyetso cyerekana ko yanga abo banywanye imyaka 17. Abishe ejo bundi agira ngo atere ubwoba inkotanyi, nazo zirushaho gukaza ibitero. Kandi si HABYARI-MANA wishe abatutsi : bishwe n'abahutu. Kugira ngo tubyumve neza twahera ku itangazo rya Guverinoma ya Leta zunze ubumwe z'Amerika ryaciye kuri Radiyo VOA ku ya 28.02.93 ryamagana iyicwa rya nyakamwe ku isino mu Rwanda. Mu yandi magambo niba nyakamwe yicwa, nta wundi umwica usibye umuhutu nyamwinshi. Ku ya 29.03.93 VOA yungamo ko twatewe n'abatutsi.*


*Kuba inama mpuzamahanga yaraje kuzikura amagufa y'abatutsi ntize kuzikura amagufa y'abahutu b'i Gitarama bishwe muri za 73, byerekana ko iyicwa ry'abatutsi rihama abahutu kuko, nkuko umunyamerika yabivuze ari nyamwinshi irimo ihotora nyakamwe. Ubusanzwe sinjya nkunda kuzikura abapfuye. Yezu Kirisito yaravuze ati* **Waache wafu wazike wafu wao** *( Matayo 8:22 Mureke abapfu bahambe abapfu babo). Ujya kuzikura umupfu aba ari umupfu kabiri. Kuzikura abishwe n'inkotanyi, kuzikura abatutsi ni ukutumva ikibazo u Rwanda rufite.*

*HANGIMANA Fr. Xavier.*

# Imeneshwa ry'abatutsi mu 1959

**Perefegitura ya Butare, iya mbere mu kugira abatutsi benshi, ni nayo perefegitura yonyine mu Rwanda itishe abatutsi mu 1959 no mu 1973. Mu mirongo ikurikira murasoma ubuhamya bwa sushefu HITIMANA Kilomoto; murabonamo n'amazina akomeye mu cyo bakomeza kwibeshyaho bita *Révolution* ariyo : GITERA Habyarimana, NZEYIMANA Isidore, SECYUGU, SINDIBONA, MUKWIYE, POREPORE, NDAYAMBAJE Augustin, HABIMANA Gaëtan, BARIBUTSA Philippe, HITIMANA Kilomoto, NYAGAHAKWA Paterne, MILIMO Faustin, KILIMUBUKOMBE. Nyuma murasoma umwanzuro wa HANGIMANA Fr. Xavier. Mubanze musome uko HITIMANA yabaye sushefu.**

Akiri umwarimu, yabanje gutorerwa kuba umwe mu bajyanama barindwi ba sushefu, yaje kubyivanamo bitewe n'uko ibyemezo byafatirwaga mu nama zabo bitamushimishaga.



**Rudahigwa** amaze gutanga (umwami waba yarashakaga guca ubuhake, ari nabyo byamubereye intandaro yo gutanga) himye **Kigeli V** (Ndahindurwa J.B.). Ba **GITERA** na **KAYIBANDA** babonye ko agatambwe kari gatangiye guterwa kagana demokarasi gasubijwe inyuma, barahaguruka bashinga amashyaka : **GITERA** APROSOMA, **KAYIBANDA** M.D.R. PARMEHUTU batangira gucengeza mu baturage ko bashaka demokarasi, ko bashaka ko Gatwa na Gahutu nabo bagira ijambo mu gihugu cyabo, no gucengeza amashyaka yabo.

Nyuma haje kuba amatora y'abahagarariye ishyaka muri susheferi (abarwanashyaka) **HITIMANA atorerwa kuba umurwanashyaka wa APROSOMA. Abatutsi benshi ntibishimiraga ibyo bikorwa bya ba GITERA** na **KAYIBANDA**; babwiraga umwami ko ari abanzi be, ko akwiye kubatanga bakicwa. Muri icyo gihe niho hapfuye ba **SECYUGU, SINDIBONA, MUKWIYE, POREPORE,..**

**Hari abasushefu bumvise ibyo, bumva ko nabo batanzwe mu kwica abarwanashyaka bo mu karere kabo. Sushefu wa susheferi ya Remera ahigira kwica NDAYAMBAJE Augustin, HABIMANA Gayetani, BALIHUTA Filipo, HITIMANA André, NYAGAHAKWA Paterini, MILIMO Fawusitini, KILIMWUBUKOMBE. Sushefu wa Nyaruhengeri nawe ahigira kwica GITERA**, bo ariko ntibabigezeho.

Uwo mushefu wa Remera witwaga Migereka yateguye igitero cyo kuzajya kwica bariya twavuze ruguru, yifashisha n'ingabo zo mu Bugesera ngo zari zizi kurasa cyane; ntiyashobora kugera ku mugambi we kuko batatu muri barindwi twavuze ruguru bari bafite imbunda kandi bafite uruhushya rwo kuzitunga. Bumvise igitero gihagurutse batangira kurasa mu kirere bagirango babatere ubwoba, ingabo za Migereka zumvise urusaku rw'imbunda, bati ntitugiye kurwana n'abazungu bahita bitahira; Migereka asigara wenyine, igitero kiba kirapfuye.

Ba barwanashyaka barindwi batashye bavuye aho bari bagiye gutegereza igitero cya **Migereka** (i Remera, Komini Muganza) sinzi uwagiye abeshya sushefu wa SAGA ko ngo bavuye kwica uwitwa **Kabukiro**, nonengo bakaba baje kwica uwo sushefu wa SAGA (yitwaga **Rwasamanzi**); uwo **Rwasamanzi ahita ahunga yiruka amasigamaga ahungana n'uwitwa Mubiligi, Sematama na Nkwandi, ahunga agana kwa Migereka** (sushefu wa Remera), ahamara iminsi.

Yaraye agarutse (sushefu wa SAGA), babona abazungu baraje, baje gutwara abo ba sushefu ngo bajye kubafunga, ngo bataye akazi kabo, ngo banateje imvururu; barabatwara bajya kubafunga, basiga babwiye abaturage ngo basigare batekereza uwo bazatorera kuba sushefu; basiga bababwiye ko bazagaruka gukoresha amatora.

Hashize iminsi mike haje umuzungu witwa **BOVE** azana na **NZEYIMANA Isidore** na **NDAYAMBAJE Augustin baje gutoresha. NDAYAMBAJE** akura agapapuro mu mufuka agahereza **BOVE**, BOVE ahamagara **HITIMANA André** amwereka abaturage arababaza ati : uyu mugabo ntimwemera ko ababera sushefu ? Abaturage bakoma mu mashyi bose bati : turamwemeye. Atorwa gutyo hari mu 1959; amara umwaka umwe, mu 1960 atorerwa kuba Bourgmestre.

Abo bazungu basize babwiye abaturage ko abo batoye ari ab'agateganyo, ko bazatoresha aba Bourgmestre muri 60. Muri 60 habaye amatora abaturage bongera gutora H.A. aba bourgemstre muri uwo mwaka wa 60, 61 muri 62 bamukuraho ashinjwa ko asuzugura.

Muri 59 hamaze gutorwa aba sushefu b'abahutu, ab'abatutsi bamaze

**qui, s'incarne le pouvoir suprême de la Nation, devient une personne sacrée: il a été prédestiné par Dieu à cette dignité. (P. 343)**

**Cette conception était pour eux (les contistuants) un mythe ! Or ne venaient-ils pas de renverser le mythe de la monarchie ?(p. 343).**

Ngaho aho umuntu ahera yibaza niba mu Rwanda harabaye **Révolution**, igihe abaturage n'abategetsi babitwara nko ku ngoma ya cyami ? Hari aho HABYARIMANA yabeshye ngo abaturage bamufitiye ikizere kugira ngo atarekura ingoma ! Iyo mu Rwanda haza kubaho **Révolution**, ibitekerezo bishaje biba byarazimye.

Umugabo MUREGO Donat yigeze kwandika igitabo, icya mbere kiremereye mu birogarama no mu gutondekanya ibitekerezo, avuga ko **Révolution** nyarwanda itararangira. Aho MUREGO yayobye ni aho yemeza ko mu Rwanda habayeho **Révolution Rwandaise**. Nyamara uwayoboraga u Rwanda ubwe yiyemerera ko ari ibintu ababirigi bikoreye, nkuko HITIMANA atugezaho uruhare abazungu nka BOVE, bagize mu ihindura ry'ubutegetsi mu 1959.

HARROY Jean Paul (Rwanda, de la Féodalité à la Démocratie 1955-1962, Bruxelles, 1984, pp. 512) aragira ati: **"De cette révolution sous tutelle, de cette révolution assistée'**. Nta kindi kimenyetso simusiga kirenze ijambo ry'uwayoboraga u Rwanda, wiyemerera ko byakozwe n'ababiligi arimo (assistée, sous-tutelle). *Ntegura iyi nyandiko nashakaga kwerekana ko nta* **Révolution** yabaye mu Rwanda. None se wasobanura ute ko abahutu bamaranye ubutegetsi imyaka irenga 30, bukaba bubananiye ? Nitwemera ko nta **Révolution** yabaye, turagera kuri byinshi. Turagera aho twamagana induru MDR ijya icisha kuri radiyo, ngo: **twaratsinze** ! Mwatsinze iki ? None mwatsinze kuki mwongeraho ngo muzatsinda ? Muzaba mutsinda iki kindi se niba mwaratsinze ? Abahutu koko nta bwenge bagira ra. Ukareba abantu ibihumbi n'ibihumbagiza bavanywe mu byabo, ugatinyuka ugatera induru, ngo: mwaratsinze !

Rero nta **Révolution** yigeze i mu Rwanda. Izaba, umwami KIGE amaze gutahuka, aho umuhutu a hindura ibitekerezo akibuka kuba n'umututsi, atamubwira, nk KAYIBANDA yabivugaga, ngo "n hanze aba ari hanze". Uwazura KAYI BANDA, ngo abwire abashaka ku zura ko ari abapfu. KAYIBANDA ya gira isoni, arebye abavanywe mu bya bo, akibuka ukuntu yishongoraga batutsi ngo: **"bana b'abatutsi"**.

**Révolution** rero ishobora ku korwa abatutsi bahungutse: umuhutu niho azahindura ibitekerezo, akiga hindura kamere, byaba ngombwa ba nk'umututsi. Abahutukazi na bakiga kuba imfura, aho kwirirwa hekenya amenyo, batuka abatutsi ngo: ni ibizungerezi. Wabaye cyo we, aho kwirirwa uvuza iya bahanda ngo waratsinze. Uwatsinze ni uwabo we ngo arakagwa ishyanga, none aba zura uwabimubwiye bakaba bam ngingira kuva ishyanga, naho yafa Byumba na Butare, ataretse Cyangugu.

*HANGIMANA Fr. Xavier*

# RUDAHIGWA ampera inka i Cyanika

HITIMANA yigisha i Mugombwa yari afite itorero (rya gymnastique) ryaserukiraga Paroisse ahabaye ibirori. Iryo torero ryatumye agabirwa na benshi.

- Yagabiwe inka n'Umwami RUDAHIGWA i Cyanika;
- Yagabiwe inka na shefu RUTAMU rwa KABERA i Cyahinda Musenyeri yagiye guha kiriziya umugisha;
- Yagabiwe inka na shefu RUSAGARA rwa NYAGASAZA amukiniye mu birori byo kwizihiza umunsi mukuru we (mutagatifu François Xavier) amuha n'amafaranga aguze ikositimu y'ibutura n'ishati n'ingofero by'abantu 35 (bagize iryo torero);
- Yagabiwe inka y'igitare, yayigabiwe na shefu GASHUGI;
- Yagabiwe inka y'ibihogo na KAREMERA ka CYITATIRE cya RWABUGIRI
- Yagabiwe na Musenyeri DEPREMUSI ikositimu y'ibutura n'ishati by'abantu 35 bagize rya torero.



*HITIMANA Kilimoto wagabiwe na RUDAHIGWA i Cyanika.*

Yagabiwe kandi n'abandi bantu benshi ariko bidaturutse kuri rya torero biturutse ku bucuti bari bafitanye.

- URAYAHA wa RUSENGAMIHIGO yamuhaye inka ebyiri: iy'igitare n'iy'ibihogo;
- NYAGAHAKWA Paterne yamuhaye inka y'igitare;
- KIBWANA Edimondi yamuhaye inka y'igikara;
- VUGAYABAGABO André yamuhaye inka y'igaju;
- KAZUBWENGE Aimable (Padiri) yamuhaye igare rishyashya (ryari nk'imodoka y'ubu)
- SEBARERA André yamuhaye inka ebyiri: ikimasa cy'uruhogo, n'inka y'umusengo;
- HABIYAMBERE wa RUCYESHA yamuhaye inka ebyiri:ikimasa cy'urusengo n'inka y'ubugendo.

icy'umwuzukuru w'uwagabiwe n'ibwami, akaba ariwe usohoje ubutumwa yitura inka yitwa IJAMBO n'umushumba KANGUKA Kavenya.

Umwami niyamara gutanga icyanzu (audience) niho hazamenyekana igihe cy'imihango. Hagati aho IJAMBO ni iry'umwami, hakurikijwe amategeko y'imbonezamubano.

Umwami NDAHINDURWA niwe uzagena umwanditsi mukuru, n'abanyamakuru. Si ngombwa ko ashyira HFX mu bagaragu be, kuko nta jambo agifite mu IJAMBO. Asohoje ubutumwa.

Hagati aho HANGIMANA azakomeza kwitangira umuryango PRO-PRESSE uhuza abanditsi bakuru mu Rwanda; kandi azakorera n'ikinyamakuru UMURYANGO yashinze mu 1986, nkuko bigaragazwa n'ibaruwa y'uwari Minisitiri w'amashuri abanza n'ayisumbuye.

*H.F.X.*

/k.c/

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'ENSEIGNEMENT
PRIMAIRE ET SECONDAIRE
B.P. 622 KIGALI.

Kigali, le.. 07.OCT.1988

Nº 13.01/02/5711

Monsieur HANGIMANA François Xavier
Home de la Vierge des Pauvres
B.P. 1134
KIGALI.

Objet: Fondation d'un journal.

Monsieur,

Faisant suite à votre lettre du 20/01/1986 par laquelle vous sollicitez la création, avec mon concours, d'un journal titré UMULYANGO, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que ce projet constitue en soi une initiative grandiose et louable.

Toutefois, vu l'importance et les difficultés d'ordre organisationnel et financier que cela représente, il serait plus sage d'attendre que le projet de loi devant régir la presse dans notre pays soit d'abord adopté.

Colonel Aloys NSEKALIJE,
Ministre de l'Enseignement
Primaire et Secondaire.

# "KATABARWA yafatanywe imipanga yo gutsemba abahutu"

Ku ya 22.03.93 hari hatangiye gukwira impuha ko hari intwaro zafatiwe ku kibuga cy'indege i Kanombe. Bamwe bavugaga ko ari imipanga yo gutsemba abahutu. Sinzi uko mpuye na maneko SIMBIKANGWA --niba akiri we, simbizi-- ambwira ko KATABARWA yafatanywe miriyoni y'amadorari (ahwanye n'amafaranga y'amanyarwanda 147.000.000). Umunyakazu wawe ati : yari amafaranga yo gutsemba abahutu. Ndamubaza nti : ubu rero mugiye namwe kuyagura intwaro zo gutsemba abatutsi ? Ntiyagira icyo asubiza.

Ubusanzwe ngo icyo umuntu akuye hanze agomba kukibwira abakozi ba gasutamo ku kibuga cy'indege, akagisorera, kandi yaba ari amafaranga akavuga aho ayakuye. KATABARWA ngo yabonye umukozi agenzuye cyane bimutera ubwoba, noneho aradagadwa. Umuhutu wawe abonye KATABARWA atangiye kugira ubwoba, afungura neza imarete. Atangira guhambura impapuro zanditseho imiti yo kwa muganga. KATABARWA aba atangiye kumupfumbatisha inoti biranga biba ibyubusa. Ibyari imiti bihinduka amarozi y'amadorari.

Biravugwa ko na SHAMUKIGA ngo yari yinjije andi, ariko we ntiyasakwa kuko ahagarariye igihugu cya Luxembourg.

Ariko rero tujye ducisha m[u] gaciro. Ubu mu Rwanda umuntu yemerewe gutunga amadolari. N[i] ukuvuga ko ushobora kuyajyana hanze ukayagarura. None s[e] nk'uyu munsi uyagurije umuntu akayajyana hanze bucyeye ukajy[a] kuyazana, icyaha kirihe ? None s[e] wagomba no gusorera ayavuy[e] mu Rwanda ?

Ikindi kandi mujye mushyigikira umuntu wese ugarura umutungo mu Rwanda. Na HABYARIMANA Ikinani ayagaruye twamukunda.

H.F.X.

### ...Ibyitso biratoragurwa...

# Itwikwa ry'ingoro y'intumwa za rubanda

# Ba HABYARIMANA babayeho no mu Budage !

**ugira ngo abanazi bafate ubutegetsi mu ntoki zabo, bakoze ikinamico nk'irya HA-YARIMANA, batwika inzu abadepite bakoreragamo (Reichstag) noneho ibyitso yo twikwa ryatwererewe biratoragurwa. Twifashishije Sophie GHERARDI muri e monde yo ku ya Gashyantare 1993, tunibaze niba atari byo duhora tubona kwa ABYARIMANA.**




**"Ingoro y'abadepite irahiye!"** ibwiye abashinzwe umutekano i ndenburg (Berlin) ntazigera ame-kana. Abapolisi barahurura, cya-e bafata isaha bibereyeho: saa tatu joro na 15 ku ya 27 Gashyantare 33: (hari saa yine z'ijoro i Rwanda). wo abashinzwe kuzimya umuriro rira ikamyo ya kizimyamwoto, ba-aze guhamagarwa n'umuntu utazwi. yobejwe n'umuntu utazamenyeka-, maze barindagira igihe cy'iminota yose bazenguruka ingoro ngo baras-ka umuriro aho uturuka; nyuma ba-na ikirahuri barinjira.

Ku bw'Imana Lieutenant **Emil ateit** ahura n'ushinzwe kugenzura goro ari nawe wari ufite imfunguzo zayo. Mu gihe biruka mu birongozi couloirs) babona ahaka (rideaux), ba-azimya nta ngorane. Saa tatu na 21 agera mu cyumba cy'inama-- cyari fite igisenge cya metero 75, ari nabyo yabwiraga abatuye umurwa mukuru Berlin ko ingoro yabo ariyo ya mbere ifite umunara w'inzogera wa mbere ku isi-- maze bahasanga inkongi zaka, zi-andukanye, kandi nta mwotsi.

Abazimya umuriro bafashe indi nzira, bagana mu gice gisa n'Ingoro ngari y'i Paris: aba mbere baciye mu idirishya ryo kuri etaje ya mbere, maze bagwa ku bantu bambaye imyenda y'abapolisi, babatunga imbunda, ba-babwira ko hasi nta muriro uhari. (Abo bantu nabo ntibashoboye kumenyeka-na).

Saa tatu na 27, bombe iraturika, irebero riba ubushingwe: hashize igihe kiri mu nsi y'igice cy'isaha kuva ho abahisi babiri bumvise urusaku rw'iki-rahuri kimenwe, bakanabona urumuri rw'isitimu mu mbere y'ingoro.

Byaba ari icyo bimaze kubabwira iminota y'itwikwa ry'inzu y'ubuteget-si i Berlin igihe hashize imyaka 60? Icya mbere ni uko itwikwa rya **Re-ichstag**, ari kimwe mu bintu amateka atarasobanura, kikaba giteye impaka za "ngo turwane". Icya kabiri ari na-cyo cy'ingenzi, abasesengura iby'ama-teka babona uwo muriro wakongejwe hatarashira n'ukwezi Perezida **HIN-DENBURG** ahamagaye umusirikari w'ipeti rya kaporari ukomoka mu gi-hugu cya Otirishiya (Austrich), wit-waga **Adolf HITLER**, mu itangira ry'ubutegetsi bw'abananguzi **(nazi)**.

## Ibyitso biratoragurwa ijoro ryose.

Itwikwa rya **Reichstag** ni intan-go y'amateka abiri abangikanye. In-kuru ya mbere ni uko iyo nkongi ijyana n'ubutegetsi bw'abananguzi: **HITLER** azagendera kuri iyo nkongi kugira ngo ahonyore abafite ibitekerezo bya giko-munisiti, anavaneho ubwigenge bwa buri muntu. Inkuru ya kabiri: iyo nkongi itangirana n'urwango, hanze y'u Budage, rw'ubutegetsi bw'aba-nanguzi; kubera ubucamanza n'ubuta-bera, abarwanya abananguzi bahereyo kuri iyo nkongi maze bamagana ubute-getsi bw'abahotozi.

Twigarukire ku ijoro ry'uwa 27 Gashyantare (iry'uwa 5 Nyakanga 1973, iry'uwa 5 Ukwakira 1990 mu Rwanda). Mu birongozi by'ingoro abaporisi bafashe umusore ubira icyuya, wambaye ubusa, ibiganza bye byahindutse umukara. Bamusanga-nye irangamuntu y'ubuhorandi (Pays-Bas) mu izina rya **Marinus Van der LUBBE**, ufite imyaka 24. Ntiyabaru-shya, ati: natwitse nshaka kwigaraga-mbya. Ariko se yari yatwitse iki ? Imyenda ikingira ibirahuri by'amadi-rishya (rideau), imyenda yavanye mu cyumba abadepite bariramo; akaba yarahageze aciye mu idirishya saa tatu za mu gitondo ku manywa. Yari ya-twitse n'ishati ye, n'intebe y'ifoteye, kandi akoresheje umuriro wa giturage.

Kuba uwo rutwitsi yarashumitse, nabwo bimugoye, hamwe horoheje abaporisi bajimije batsetesha ibirenge, byo nta gushidikanya. Ariko rero, mu gihe kitageze no ku mimnota 15, muri iyo ngoro yubatswe ku butaka burebu-re burenze hegitari, kandi uwo musore adasanzwe azi muri iyo ngoro, agako-resha umuriro we wa giturage, agatwi-ka bikomeye inzu y'inama, ari nayo yo-nyine yangiritse, ntibyemerwa n'aba-hanga, kuva biba kugeza n'ubu. Mu yandi magambo **Van der LUBBE** ntashobora kuba yaratwitse wenyine.

**Goering**, Minisitiri w'Ubuteget-si mu ntara ya Purusiya, akanaba Pe-rezida w'intumwa za rubanda, uko ya-gasesekaye ku ngoro ari uwa mbere ati: